Uzavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri, agahakana ibindi bigaragirwa bitari Allah, icyo gihe umutungo we n'amaraso ye biba ari ikizira, ibarura rye rikaba kwa Allah

Hadithi yaturutse kwa Twariq Ibun Ashim Al Ash'djaiyu (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri, agahakana ibindi bigaragirwa bitari Allah, icyo gihe umutungo we n'amaraso ye biba ari ikizira, ibarura rye rikaba kwa Allah."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu uvuze akanahamya n'ururimi rwe ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa usibye Allah, agahakana ibindi bigaragirwa mu cyimbo cye, akitandukanya n'andi madini atari Isilamu, icyo gihe umutungo we n'amaraso ye biba bibaye ikizira ku bayisilamu, twe tureba ibigaragara mu bikorwa akora. Icyo gihe ntiyamburwa umutungo we, ndetse nta n'ubwo yicwa, cyeretse akoze icyaha gikomeye cyangwa se ubundi bugome busaba ko yicwa mu mategeko ya Isilamu. Allah akaba ari we uzamucira urubanza ku munsi w'imperuka, niba ari umunyakuri akabimuhembera, niba ari indyarya akabimuhanira.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/6765